Itangazo ryo gutura no kwihaza

Izina:

Indangamuntu/cpr.nr.:

Ndamenyesheje ko nzakora cyane kugira ngo ndere kandi ndebe abanjye ndetse n'abana banjye n'awo twashakanye / abo tubana, tukagira uruhare rugaragara no gutanga umusanzu m' umuryango wa Danemarike.

Ndamenyesheje rero ibi bikurikira:

- Ko nzubahiriza amategeko ya Danemarike mu buryo bwose kandi ko nzubahiriza amahame ya demokarasia yo muri Danemarike.

- Ndemeye ko ururimi rwa Danemarike n' ubumenyi bw' umuryango wa Danemarike aribyo urufunguzo rw' ubuzima bwiza muri Danemarike kandi burongoye.

- Ndemeye ko umuturage wese ku giti cye hamwe n' imiryango bose bagomba kugira inshingano zo kwibeshaho

- Ndemeye ko muri Danemarike abagabo n'abagore bafite inshingano n' uburenganzira bungana kandi ko abagabo n'abagore bagomba kugira uruhare m' umryango wa Danemarike. Abagabo n'abagore rero bafite uburenganzira bumwe - kandi rimwe na rimwe inshingano – k' uburezi no kukazi, nk'uko abagabo n'abagore bafite uburenganzira bumwe bwo kugira uruhare mu ibijyanye na demokarasia. Abagabo n'abagore bombi bafite inshingano zo kwishyura imisoro no gufata inshingano z'ababyeyi kubana babo.

- Ndabizi ko ari icyaha cyinshinjabyaha kandi ko bitemewe muri Danemarike gukoresha urugomo n' agahato kuri uwo mwashakanye canke kubandi ndetse no kubana

- Ndemeye ko muri Danemarike hagomba kubaho icyubahiro kimwe n'amahirwe angana yo kwiteza imbere kubana bose - haba ari abakobwa cangwe abahungu - kugirango bakure babe abaturage bakora kandi bafite inshingano bashoboye kwihitiramo. Ndashaka kumenya n' ukwemeza neza ko abana banjye babona uburere bwiza bushoboka, bakiga kandi bakagira uruhare rugaragara m' umuryango wa Danemarike. Ibindi nshaka, n' ukwemeza no kumenya neza ko umwana wanjye yiga ururimi rw' ikidanois hakiri kare kandi akitwara neza mw' ishuri, kandi nifuza gufatanya n'ikigo cyita kubana cyangwa ku amashuri.

- Ndabizi ko gusiramura abakobwa no guhatisha ubukwe ari ibikorwa by'ubugizi bwa nabi muri Danemarike.

- Ndubaha umudendezo w' umuntu ku igiti cye n' ubunyangamugayo, uburinganire n' ubwisanzure bw'amadini no gutanga ibitekerezo, ka ar' ishingiro muri Danemarike.

- Ndabizi ko ivangura rishingiye kugitsina cyangwa ibara ryuruhu hamwe niterabwoba no gushinyagurira amatsinda kubera imyizerere cyangwa icyerekezo cy'imibonano mpuzabitsina ari icyaha cyinshinjabyaha muri Danemarike.

- Ndabizi ko umuryango wa Danemarike witandukanije intera kure cyane n 'iterabwoba. Ndabizi kandi yuko umuntu wese amenya umugambi wo gukora icyaha kibangamira ubuzima bw' abantu cyangwa imibereho myiza y' abantu cyangwa indangagaciro zikomeye zabaturage, mu ibyukuri agomba gukora ibishoboka byose kugirango akumire icyaha cyangwa ingaruka zabyo, bibaye ngombwa agatanga raporo kuri polisi, kandi ko kutabikora birashobora guhanishwa n' ihazabu cyangwa igifungo kugeza kumyaka 3, niba icyaha cyarakozwe cyangwa cygeragezwe gukorwa.

- Ndabizi ko kwiyemeza cyane mu ibikorwa ari ikintu gisabwa kugira ngo mbashe kugira uruhare no gutanga umusanzu m’ umuryango wa Danemarike tutitaye ku igihe nzomara murikino gihugu.

- Ndabizi ko urwego rwanjye ryo kuguma muri Danemarike rusobanurwa n' ishingiro ryanjye ryo kuba ndi ino, kandi ko amatsinda amwamwe mu ibisanzwe n' ukuguma ino mu igihe gito.

- Ndabizi ko, iyo uri impunzi, nta uburenganzira ubufite bwo kubona uruhusha rwo gutura, mu igihe ibintu byifashe neza mu igihugu cyawe kandi byahindutse ku buryo ibyo warukenereyeho gukingirwa bitakiriho kandi niba ushobora gusubira mu igihugu cyawe. Ndabizi kandi ko iyo umuntu yaje i no kubera guhuzwa n’ umuryango wiwe w' impunzi, mu ibisanzwe ntabwo uyo umuntu abafite uburenganzira bwo kubona uruhusha rwo gutura mugihe iyo impunzi itagikeneye kurindwa. Ndabizi kandi ko uruhushya rwo gutura rw'agateganyo rushobora rero kuvanywaho cyangwa kutongerezwaho igihe.

- Ndabizi ko kugira uruhare rugaragara, kandi no kugira uruhare m’ umuryango wa Danemarike ndetse n’ imbaraga kugira ngo umuntu yihaze wenyine nabyo bishobora kuba ubufasha mubijyanye niyo umuntu asubiye mu igihugu cyiwe.

- Ndabizi yuko umunyamahanga wese utuye muri kino igihugu cya Danemarike ashobora gusaba inkunga y'amafaranga hashingiwe kw' itegeko ryo gutaha kugira ngo asubire mu igihugu akomokamo cyangwa mu igihugu yahoze atuyemo, igihe runaka yoba yabyifuje.

Jewe, nk' umunyamahanga mushya, nkaba nzi kandi ko abanyamahanga bashya bakihagera barebwa na:

(Izi ngingo zikurikira zifite akamaro kandi zirareba gusa abanyamahanga bashja baherutse kuza vuba bakazasinya iri tangaza)

- Nifuza kuziga ururimi rw' ikidanois kandi nkunguka ubumenyi kubijyanye n’ umuryango wa Danemarike. Nzi yuko nshobora kwiga ngamenya ururimi rw' ikidanois mukwitabira uburezi bw' ururimi rw' ikidanois komine yampaye.

- Ndashaka guzakora kugira ngo zabashe kwihaza binyuze m’ ukwitabira amasoko y'imurimo vuba bishoboka. Ndabizi ko kwitabira ibikorwa byasobanuwe mu masezerano nagiranye na komi ni bishobora kumfasha kubona akazi gasanzwe kugira ngo zabashe kwihaza.

- Ndabizi yuko kwagura uruhushya rwo gutura ar’ ingombwa ko ishingiro ry’ uruhusha rwo gutura rukiriho, kandi nkamenya yuko nk' impunzi muri rusange udafite uburenganzira bwo gutura ni ba ibyari

bikenewe kugira ngo ukingirwe bitakiriho kandi umuntu ashobora gutaha mu igihugu cyiwe. Ndabizi yuko nk' umuryango wongeye guhuzwa n'impunzi, muri rusange ntabwo ufite uburenganzira bwo gutura niba ibyari bikeneye byo kurinda iyompunzi bitakiriho.

Itariki: Umukono/sinyatire.